Republic of Rwanda
Ministry of Education

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

## ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA MU GIHE CYO KUJYA MU BIRUHUKO (IGIHEMBWE CYA 2 UMWAKA W'AMASHURI WA 2024/2025)

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira gusubira mu miryango yabo mu biruhuko **kuva tariki ya 3 Mata, 2025 kugeza ku ya 6 Mata, 2025.**

**Gahunda y'ingendo z'abanyeshuri iteye mu buryo bukurikira hagendewe ku karere n'intara ishuri umunyeshuri yigamo riherereyemo:**

| UMUNSI | ITARIKI | AKARERE | INTARA |
|---|---|---|---|
| Ku wa Kane | Tariki 03/04/2025, | Nyarugenge, Gasabo,Kicukiro | Umujyi wa Kigali |
| | | Huye na Nyamagabe | Intara y'Amajyepfo |
| | | Ngororero | Intara y' Iburengerazuba |
| | | Musanze | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Nyagatare na Gatsibo | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku wa Gatanu | Tariki 04/04/2025 | Ruhango na Gisagara | Intara y'Amajyepfo. |
| | | Rubavu na Nyabihu | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Burera | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Rwamagana na Kayonza | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku wa Gatandatu | Tariki 05/04/2025 | Karongi na Rutsiro | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Nyanza na Kamonyi | Intara y'Amajyepfo |
| | | Rulindo na Gakenke | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Ngoma na Kirehe | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku Cyumweru | Tariki 06/04/2025 | Muhanga na Nyaruguru | Intara y'Amajyepfo |
| | | Rusizi na Nyamasheke | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Bugesera | Intara y'Iburasirazuba |
| | | Gicumbi | Intara y'amajyaruguru |

**ICYITONDERWA:**

- Amashuri arasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere mu miryango yabo butarira;
- Amashuri arasabwa kohereza abanyeshuri bambaye umwambaro w'ishuri;
- Ababyeyi barasabwa guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo;
- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gusubiza abanyeshuri mu rugo iwabo no gukurikirana ko ayo mashuri yabasubijeyo ku gihe;
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade "KIGALI PELE STADIUM" (NYAMIRAMBO) zibajyana mu rugo aho bataha.
- Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade"KIGALI PELE STADIUM" (NYAMIRAMBO) izaba ifunze, nta munyeshuri wemerewe kuza nyuma y'iyo saha yavuzwe haruguru.